

## Amabwiriza agenga akato agenewe abatuye muri lowa

Yavuguruwe 22/07/2020

Icyorezo cya COVID-19 kiri gukwirakwira mu batuye muri lowa kandi birashoboka ko abatuye muri lowa bashobora kurwara mu byumweru biri imbere. Aya mabwiriza asobanura ibigenga akato bigenewe abatuye muri lowa bashobora kuba bafite aho bahuriye na COVID-19 n'abatuye muri lowa barwaye abafite umuriro cyangwa ibibazo by'ubuhumekero (nk'inkorora cyangwa guhumeka nabi).

### **Amabwiriza agenga akato agenewe abatuye muri lowa bashobora kuba bafite aho bahuriye na COVID-19**

Abatuye muri lowa bagomba kuguma mu rugo kandi bakirinda kwegera abandi bantu babana n'amatungo ari aho baba mu gihe habayeho ibikorwa. Akato kagomba kubaho mu minsi 14 ubwo uheruka kuba ufite aho wahuriye n'icyorezo.

- Warakoreye ingendo hanze ya lowa mu rwego rw'ibikorwa by'ubucuruzi cyangwa mu biruhuko mu minsi 14 ishize.
- Warakoreye ingendo mu bwto ujya ahantu hatandukanye mu minsi 14 ishize.
- Niba ubana n'umuntu ufite ibimenyetso bya COVID-19 cyangwa baramusuzumye bagasanga arwaye COVID-19.

### **Amabwiriza agenga akato agenewe abatuye muri lowa barwaye bafite umuriro cyangwa ibibazo by'ubuhumekero (nk'inkorora cyangwa guhumeka nabi)**

Hafi 80% by'abatuye muri lowa banduye COVID-19, bagira uburwayi kuva ku bworoheje kugeza ku budakomeye. Abatuye muri lowa barwaye byoroheje ntibakenera kujya kubavura cyangwa ngo basuzumwe kugira ngo byemezwe ko bafite COVID-19. Abatuye muri lowa barwaye bagomba kuguma mu rugo kandi bakirinda kwegera abandi babana mu nzu.

Guma mu rugo kandi ntiwegere abandi mu nzu kugeza igihe:

- Kugeza utongeye kugira umuriro byibuze mu masaha 24 (umunsi umwe wuzuye neza udafite umuriro utanyoye imiti igabanya umuriro)

#### **KANDI**

- ibindi bimenyetso byaroroshye (urugero: gukorora cyangwa kubura umwuka byaroroshye)

#### **KANDI**

- byibuze iminsi 7 ikaba yarashize ubwo hagaragaraga ibimenyetso byambere.

Niba utekereza ko ukeneye ubuvuzi, banza uhamagare. Uguhe serivisi z'ubuvuzi ashobora kugenzura niba ukeneye kujya kwa muganga cyangwa niba ushobora gukirira mu rugo. Kandi, hari uburyo bwinshi wagenewe wavugana n'utanga serivisi z'ubuvuzi uri mu rugo ukoresheje ikoranabuhanga.